ITERAMBERE RY'UMUJYI WA RUSIZI NK'UMWE MU MIJYI YA KABIRI MU GIHUGU YUNGANIRA UMUJYI WA KIGALI; KU NKUNGA YA BANKI Y'ISI

I. ITANGIRIRO:

Igihugu cy'u Rwanda ni Igihugu cy'intangarugero mu Bihugu by'Afurika, ibi bikaba bishingiye kuri politike ihamye y'iterambere ry'ubukungu bwagiye buzamuka mu myaka itanu ishize kugera ku ijanisha rya 8%

Kugira ngo u Rwanda rugere ku ntego y'iterambere rwiyemeje, ibi bintu bitatu bikurikira nibyo bigomba kwitabwaho:

1. Kuba u Rwanda rudakora ku Nyanja kandi rukaba rugizwe n'imisozi miremire, ikiguzi kinini cy'ubwikorezi gikomeza kuba inzitizi mu iterambere,
2. Kutagira ubutaka buberanye n'ibikorwa by'ubuhinzi bugamije ubucuruzi, ariyo mpamvu u Rwanda rugomba guteza imbere urwego rwa serivisi n'ibijyanye n'inganda muri uru rwego rw'ubuhinzi. Ibi ni ingirakamaro mu bukungu kubera ko ibihingwa by'ibanze byoherezwa hanze (icyayi n'ikawa) usanga bidatanga umusaruro ushimishije bitewe n'imihindagurikire y'ibihe,
3. Kutagira ingufu z'amashanyarazi zihagije nabyo ni imbogamizi ku iterambere ry'igihugu: 11% gusa by'ingo zose mu Gihugu nizo zikoresha ingufu z'amashanyarazi mu kumurika.

Igihugu cy'u Rwanda gifite intumbero yo kuva mu Bihugu bikennye guhera mu mwaka wa 2020. Icyerekezo cya Guverinema y'u Rwanda kikaba gikubiye mu cyerekezo 2020 giha cyane cyane guteza imbere ibikorwaremezo nk'ibyihutirwa cyane kurusha ibindi bishobora kwihutisha iterambere. Guverinoma y'u Rwanda izi neza ko n'ubwo hari inzitizi zo kugira umutungo kamere udahagije, ari ngombwa gukora ibishoboka byose kugira ngo hagire ishoramari rikorwa.

Hashingiwe kuri ibi, Minisiteri y'ibikorwaremezo yasabye Banki y'Isi kwibanda mu byihutirwa mu bikorwaremezo hashingiwe ku makuru ahari yo munzego eshatu zigaragaza iterambere ry'ubukungu rirambye:

- Urwego rwa taransiporo,
- Kongera urwego rwa serivisi mu Mujyi,
- Urwego rw'Ingufu.

Hshingiwe ku isesengura ryakozwe no kwibanda ku rwego rwa serivise mu Mijyi, ku bufatanye hagati ya Guverinoma y'u Rwanda na Banki y'Isi, impande zombi ziyemeje gutegura ibikorwa bishya by'ishoramari bigamije gushyigikira ibyagezweho na Guverinoma y'u Rwanda mu rwego rw'iterambere rirambye ry'Imijyi mu Gihugu hose.

Ni muri uru rwego, Umujyi wa Rusizi nk'umwe mu Mijyi yo ku rwego rwa kabiri mu Gihugu nyuma y'Umujyi wa Kigali hateganijwe ibikorwa bikurikira:

1. Guteza imbere ibikorwaremezo cyane cyane hakorwa imihanda n'ibikorwa by'isuku n'isukura,
2. Ibikorwa bigamije kuzamura iterambere ry'ubukungu bw'imbere mu Karere,
3. Gufasha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'Igihugu yo guteza imbere Imijyi,
4. Kongerera Akarere ubushobozi mu bijyanye no gukurikirana no gucunga neza imishinga.

Uyu mushinga ukaba uzashyirwa mu bikorwa mu byiciro bibiri, aho icyiciro cya mbere giteganijwe kumara imyaka ibiri (2016-2017 na 2017-2018), naho icyiciro cya kabiri kikazatangira nyuma y'uko icyiciro cya mbere kirangiye kandi na none bitewe n'uko cyashyizwe mu bikorwa.

II. IBIKORWA BITEGANIJWE GUKORWA MU MUJYI WA RUSIZI MU MWAKA WA 2016-2017 N'UWA 2017-2018

Mu Karere ka Rusizi, mu cyiciro cya mbere hateganijwe ibikorwa bijyanye no kubaka imihanda no kubaka imiyoboro y'amazi y'imvura azajya ava muri iyo mihanda yo mu Mujjyi, biteganyirijwe inkunga ingana na miliyoni enye z'amadorali ya Amerika (4 000 000 US$)

A. Imihanda iteganijwe gukorwa mu Mujyi wa Rusizi mu cyiciro cya mbere: 4,957 Km

1. **R1 (R1A, R1B and R1C)**:Umuhanda uva Kadasomwa- Radio- Stade- Gereza-RSSB: 3 196 m = 3,196 km

2. **R2:** Umuhanda unyura ku biro by'Akarere- Urukiko : 683 m = 0.683 km

3. **R3** : Umuhanda uva Stade- Cathederale- Pastorale : 1078 m = 1,078 km

B. Icyo imihanda igiye gukorwa izamarira Abaturage

1. **R1 (R1A, R1B and R1C)**:Umuhanda uva Kadasomwa- Radio- Stade- Gereza-RSSB: 3 196 m = 3,196 km

R1(Phase I)

A. Road connecting to administration area, stadium and also residential area . This will connect also to other road under construction to RUSIZI commercial area.

B. The road will connect the people of the city to stadium.

C. The road will connect the Christians to the cathedral.

D. It will enhance the level of life to the population along the road

E. The road will improve the mobility in the city by providing alternative.

1. Uyu muhanda uhuza ahakorerwa n'ubuyobozi, Sitade, n'ahantu hatuwe. Umuhanda uhuza na none indi mihanda iri gukorwa na centre y'ubucuruzi,
2. Umuhanda uzahuza abaturage bo mu Mujyi na Sitade,
3. Umuhanda uzafasha abaturage kugera kuri cathedral,
4. Umuhanda uzazamura imibereho y'abawuturiye,
5. Umuhanda uzahindura neza imigendekere mu mujyi habaho uburyo bunyuranye bwa transiporo.

2. **R2:** Umuhanda unyura ku biro by'Akarere- Urukiko : 683 m = 0.683 km

R2(Phase I)

1. **Road connection army camp, court and health centre.**
2. **The road will be used to access the court and school.**
3. **The road will facilitate the people around to access the administrative area.**
4. **The road will serve army camp and radio station.**

1. Uyu muhanda uhuza Centre de santé n'urukiko,
2. Umuhanda uzafasha kugera ku rukiko no ku mashuri,
3. Umuhanda uzafasha abaturage kugera ku nzego z'ubuyobozi,
4. Umuhanda uzafasha kugera kuri Radio,

3. **R3** : Umuhanda uva Stade- Cathederale- Pastorale : 1078 m = 1,078 km

R3 (Phase I)

A. From Stadium to cathedral through residential area to R1, it connects many people with administration and sports and cultural area as cathedral.

B. The road will serve in social and cultural life by providing the accessibility to the cathedral and stadium.

C. It will serve as access road for people in around residential.

1. Uyu muhanda uhuza catederal na sitade kandi unyuze ahantu hatuwe kandi hakomeza guturwa ukagaruka muri **R1,** uhuza abantu benshi n'Ubuyobozi, aho kwidagadurira n'ahantu hajyanye n'imico nka cathederal na centre de pastorale INCUTI,
2. Umuhanda uzazamura ibijyanye n'umuco n'imyidagaduro, uhuza insengero, amashuri na sitade,
3. Umuhanda uzaba inzira ya bugufi ku baturage bawuturiye.

III. ABANTU BASHOBORA KUBARIZWAHO AMAKURU AJYANYE N'UMUSHINGA MU GIHE CY'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIRIMO

SN	AMAZINA	ICYO ASHINZWE	CONTACTS
Project Manager			
1	MUSHIMIYIMANA Ephrem	District Executive Secretary	0788350653 mushiephrem@gmail.com
Project Coordinator			
2	NTAWUHARUWE Napoleon	Director of OSC	07887911150 nanapoleon2@yahoo.fr
Engineers			
3	BIMENYIMANA Alphonse	District Engineer	0788600623 abimenyimana@gmail.com
4	MATAHA Jean Paul	District Engineer	0788423339 jmataha@gmail.com